# KAMARAMPAKA

IKINYAMAKURU KIGENGA GISOHOKA KABIRI MU KWEZI

100 FRW

N° 19 Kuwa 02 kamena 1993 B.P. 2140 KIGALI


## ARI NSENGIYAREMYE ARI RUKOKOMA NI INDE UZATSIMBURA UNDI ?

BIBLIOTHEQUE SAINT DOMINIQUE KACYIRU DE KIGALI







Nguyu HATEGEKIMANA Bernard Alias MUKINGO w'ikinyamakuru cyanyu ahanganye na TITO RUTAREMARA wo mu NKOTANYI.

## KONGERE YA MRND NTIZAVIREMO ISHYAKA GUSENYUKA !



Inararibonye NGIRUMPATSE Matayo niwe Abarwanashya ka ba MRND bemeza ko aliwe ushobora kuzegukana umwanya wa Président wa M.R.N.D.

# GISENYI: PEREFEGITURA YA GISENYI ABAGORE BAYIHINDUYE AGATOBERO!

## GISENYI: PEREFEGITURA YA GISENYI ABAGOGWE BAYIHINDUYE AGATOBERO!

Nyuma y'aho Inama ya Guverinoma yemeje guhagarika Perefe Habiyambere Yozefu ku mirimo ye, ibisigaye bikorwa mu buyobozi bw'iyo Perefegitura biteye agahinda, iseseme n'ikimwaro.

Hari abagore babiri bakora muri Sekeretariya aribo: Nyirarekeraho Espérance, ufite umugabo ukora muri INADES bose bakaba ari abanya Gitarama, n'uwitwa Mariyana, ufite umugabo ukora muri BRALIRWA, nabo akaba ari abanya Gitarama.

Abo bagore rero, ubu nibo bigaruriye ubutegetsi bwa Perefegitura ya Gisenyi kuva aho Perefe Habiyambere Yozefu ahagaritswe uretse nuko kuva na mbere hose bariu barazambije ibintu. Hari amabaruwa menshi abageraho, ntbayatange, ari agenewe Perefe cyangwa ayo yohereje, nk'inyandiko zose zatumiraga amashyaka mu nama, CDR ntabwo yatumirwaga, yabimenyaga nyuma byarangiye, bitewe n'abo bagore. Nk'amabaruwa ashobora gutabariza abaturage ntajya agera kuri Perefe kuko abo bagore aribo bayafungura mbere y'uko bayamugezaho. Bigize ba maneko b'abategetsi bamwe b'i Kigali n'amashyaka. Mbese nta kindi bakora. Niberure bajye muri Komite z'amashyaka yabo bareke kutuzambiriza Perefegitura.

Uwitwa Mariyana akwiye gukurikiranwa kuko yihaye kujyana amabati na za fers à béton ahubakwa isoko ryo ku Kabaya, ariko ngo ntabigerayo, Chef wa Bâtiment Civil yanze gukurikirana iyo mirimo kubera ko uwo mugore yamujujubije, yanga rero ko yazakurikiranwa akishyura ibyo atariye.

### *Nyirarekeraho Espérance apfa iki n'abavanywe mu byabo*

Mu gihe hari abaturage birukanywe muri Tanzaniya bakomoka ku Gisenyi, uwo mugore yahisemo kuboreshereza muri stock ibiryo byari bigenewe izo mbabare icyo gihe hari ku bwa Perefe Bizimungu Kosima "Ngo mbese baraza kumuririraho bagize ngo ni nyina"! Kuva aho Habiyambere ahagarikiwe, basigaye birirwa bigamba ngo baramwirukanishije ngo ariko uwamusimbuye Banyurwabucye André ukomoka muri Ramba we ngo bazamutesha umutwe yiruke ku gasozi yambaye ubusa! Muri make nguko uko ibyo ku Gisenyi byifashe.

*Hahozayezu Thacien*

## GISENYI: ABARIMU B'ABATUTSI BARARISHA UBWOKO!

Nyuma y'imvururu zabaye mu karere ka Gisenyi hari abatutsi babibonyemo amaronko bakitwaza ngo nta mutekano bafite kugirango babone uko basahura umutungo w'igihugu.

Ubu muri Gisenyi hari abarimu bagera kuri 76 batakigisha bahunze ngo ku Gisenyi nta mututsi bashaka ngo barahigwa nyamara iyo italiki yo guhembwa igeze baza ku Gisenyi gufata amafaranga batakoreye bakisubirira iyo baba. Minisitiri Agata ngo yaba abashyigikiye kuko yatanze amabwiriza ko bamusanga i Kigali, niba ari imyitozo barimo kwa Lando, niba se ari amahugurwa barimo abandi batutsi basigaye bahejwemo kuko bo banze gusanga Agata i Kigali ntitubizi. Icyo tuzi ni uko ubu bahembwa badakora kandi bakaza kuyafatira ku Gisenyi aho babeshya ko babuze umutekano.

Ikibazo cy'ingutu kiri ku basimbura batazi uko bazahembwa, ikindi kibazo kiri ku bana batereranywe bagahabwa abasimbura batanashoboye (non qualifié). Hanyuma hakaza ikibazo cy'abarimu b'abahutu n'abatutsi ubu barimo bigisha buri munsi maze ukwezi kwashira bakabona abadakora baje guhembwa.

Guverinoma yari ikwiye gusuzuma ikibazo cy'akaduruvayo Minisitiri Agata yazanye mu burezi kandi akaba ari we uzishyura abasimbura bose.

Nta kuntu byakumvikana ko mwarimu Mudenge w'umututsi wigisha ku ishuri rimwe na Kankuyo Rose w'umututsikazi yakwiha kubura ku kazi ngo ni umutekano mucye afite ngo kuko ari umututsi maze mugenzi we bahuje ubwoko agasigara yigisha nta nkomyi. Hari n'izindi ngero nyinshi umuntu yatanga zigaragaza ko ari ibintu byo guteka imitwe ahubwo hari n'amakuru atugeraho avuga ko ubu bamwe bigiriye mu nkotanyi kandi baracyakomeza guhembwa kuko Minisitiri Uwilingiyimana Agata yabitegetse. Twe turasanga ari umugambi muremure batangiye wo guha akato Perefegitura ya Gisenyi ikinani nikidatangirira hafi karabaye.

## KAVARUGANDA MU MAZI ABIRA !

Nyuma y'urubanza rw'igitugu Kavaruganda yaciriye Kamanzi Perezida w'Urukiko rushinzwe Kurinda Itegeko-Nshinga, Kamanzi ubu nawe yaramuhagurukanye aramurega. Muribuka ko urwo rubanza rufitanye isano n'urubanza MRND na MDR barega Kamanzi ko yanze kuruca. Icyo gihe rero Kavaruganda yafashe icyemezo cyo gucira urubanza mugenzi we ngo yararutindanye kandi nta burenganzira abifitiye.

Amaze guca urwo rubanza Kamanzi yasabye Radiyo Rwanda na Kavaruganda ko bajya kuri Radiyo bagasobanurira rubanda ikaba ariyo ibacira urubanza, Kavaruganda aratinya. None Kamanzi afashe icyemezo cyo kumurega mu mategeko. Kavaruganda ni igisaza kigaraguye cyane mu manza no muri politiki ku buryo abo yagiriye nabi batagira ingano. Ndetse abanyapolitiki bose bapfuye, bishwe mu gihe cye n'abarenganijwe byabaye muri icyo gihe. Icyo gihe yari muri Komite Nyobozi ya MRND ari n'Umucamanza Mukuru yica agakiza ku buryo ibyaha bya Repubulika ya Kabiri byose abifitemo uruhare runini. Amashyaka yaraje ahungira muri MDR kandi ari umucamanza kandi harimo benshi yahemukiye nka Ruhamanya...

Ubu rero ibintu bigiye kugaragara ubwo agiye guhangana mu rubanza Kamanzi w'umujeune utandujwe na politiki nka Kavaruganda. Twizeye ko Kamanzi yiteguye byose akazabizikura akabishyira ku karubanda. Abantu bazahunga.

*La Rédaction*





Scanned by CamScanner

Nzabetsinda.

Twagiramungu



***T.F. UN POLITICIEN Á LA PAGE !***

***Cet homme intelligent, il regarde loin et n'accepte pas des échecs; il ose faire ce que les autres craignent, non pour son intérêt mais pour celui de la masse populaire. Les villes de Kigali et Byumba ne doivent pas être démilitarisées, le Gouvernement de Transition à Base Elargie doit travailler dans la capitale. Qu'il lève la main, celui est contre. "Ils font la politique du village, je fais la politique de haute catégorie". La politiqu aux politiciens!! Bravo Monsieur le Président !!***

## I RWAMAGANA HARANUKA IKINTU!

Ibibera i Rwamagana muri iyi minsi y'intambara biteye inkeke. Ubusanzwe ako gace kari gasanzwe gatuwe n'abatutsi benshi ariko ubu umututsi wese ugize ibibazo ahantu asaba ko bamwimurira ni i Rwamagana. Ibyo bintu abaturage bakaba bikanga ko byaba bihishe ikintu.

Haherutse gutegurwa isakwa ariko ntacyo ryagezeho kuko Liyetona Mutabazi wagombaga kuyobora iyo opération yahise abimenyesha Musenyeri anyarukira no ku mucuruzi Rwabukamba nawe aterefona abandi bose abajandarume bagiye gusaka bisangira Lieutenant Mutabazi kwa Rwabukamba yinywera mutsingi kandi ariwe chef de mission. Nuko ibyo gusaka bipfa gutyo kuko bene gusakwa bari babimenye kare.

Ubu PL y'i Rwamagana yasenyukiye muri PSD mu gihe bategereje FPR ngo kuko PSD ntawe uyivuga ngo nta we uyitaho ngo nibabe bayihishemo.

Iyo nama yo gusenyera PL muri PSD yateguwe na Ngango afatanije na Perefe batumiye abacuruzi b'i Rwamagana barimo ba Rwabukumba, Kagerwa Pare n'abandi babiri b'i Kibungo ndetse na Minisitiri Ntamabyariro Anyesi yari ayirimo yabereye muri Hoteli DEREVA babonye abantu barahunga bajya kuri Muhazi.

Ikindi kintu kivugwa cyane i Rwamagana ni Inkotanyi Salto ngo asigaye akora "sensibilisation" na "recrutement" iteye inkeke urubyiruko rw'i Rwamagana agiye kurumarira mu Nkotanyi. Ubu abo asigaye yohereza ni abanyeshuri bo muri Saint Aloys kandi ngo asigaye ashaka abana b'abahutu cyane ngo kuko abatutsi bamaze kuba benshi. Kuri fabe araroze, abakobwa b'abatutsi kazi n'abagore yarabamaze ku buryo ngo hari n'imiryango ibipfa ngo kuki bo adafata abana babo mbese usanga bamwigemurira n'k'abagemuye ibijumba. Ubu ararwaye barakeka ko arwaye ka gakoko, yari atuye muri Hoteli none ubu atuye mu giturage kugirango abone uko yakira abaje kumusura ngo abakiriya ba Hoteli bari bamaze kumwinubira ku buryo Hoteli Dereva ngo abantu bari bagiye kuhacika kubera amarorerwa yahaberaga.

Radiyo y'Inkotanyi nayo ntiyoroheye abanya Rwamagana iyo habaye akantu ku mututsi ihita irikoroza. Urugero: hari umututsi wirukanywe muri riziculture yibye umuceri Radiyo ya Muhabura yahise iteza ubwega ngo abatutsi bashize none se ngo ni ukoyari mwene wabo w'umucamanza Kabuhurira niyo mpamvu yakwiba bakamwihorera.

Abacuruzi baho ngo ntibifuza gusora. Uwitwa Ndarikunze François baherutse kumufatana magendu bene wabo bafunga amangazini hashira icyumweru cyose ntaho wabona ugura n'urwembe. Diregiteri wa Douane yaraje aherekejwe n'abakozi bo muri MINICOMART bakorana inama n'abo bacuruzi na Burugumesitiri kuva saa cyenda kugeza saa tatu z'ijoro birananirana ariko amaherezo baje gusanga ibyo bintu koko ari forode Leta yemeza ko bifatwa.

IPJ Nsengiyaremye J.P. aherutse kwica umukozi we wari uje kumwishyuza. Uwo nyakwigendera Niyoyita Samuel, wari utuye segiteri Kigabiro, yaje kwishyuza shebuja amurebera inkoni afatanyije na bene wabo, bashatse kujijisha bashyira grenade i Rweru hafi y'aho IPJ atuye kugirango bayobye amarari ngo bazavuge ko uwo musore yari aje kuyibatera cyakora ngo gendarmerie yarabatahuye uretse ko ubwo ari ibyo mu Rwanda ejo bazaba babafunguye.

Ngibyo muri make ibibera i Rwamagana, natwe tukaba tubona amaherezo ubutegetsi nibudahaguruka bizabyara ikintu kibi. Ntibazagirengo ntitwababwiye. Ntitwarangiza tutabagejejeho amazina ya ba Gashozamvururu b'i Rwamagana, nibo bica bagakiza, baserereza abategetsi ku buryo buteye isoni. Uwo badashaka ngo ntategeke, n'ibindi byinshi. Abo ni aba: Rugemintwaza (Kayenzi-Gitarama), C/O Bar Détente (FPR), Kurumusange Déo (Rutonde-Rwamagana-Kibungo,sanstravail connu (PL), Rwasamirera Damascène (Kanzenze-Nyamata -Kigali), Professeur à l'Ecole d'Economie et Commerce Rwamagana, (PL), Mugenzi Nathanaël (Muhazi-Kibungo), privé (MDR), Gatare Léonard (Byumba, agent d'ELECTROGAZ à Kigungo (PSD), Muzehe KABERA

Mu gihe gishize, ubwo bamwe bari bakemera ko Inkotanyi zizadufata mpiri, bashutse abana b'abatutsi ngo nibatabare bajye kuba ibitambo by'inkotanyi by'ingoma! Abenshi muri izo nzirakarengane bari bibereye mu mashuri ndetse bagiye no kuyarangiza. Ubwo baraboretse, ndetse bakabwira ko amashuri yabo bacikije, ari nta kibazo, ngo kubera ko nibagera iyo bagiye, mbere yo kwinjira mu mirwano, bazabanza kurangiza kwiga (bya he birakajya!). Ibyo ni nabyo bari bijeje abana b'impunzi bakuye mu mashuri za Burundi, Zayire, n'ahandi...

Abana rero bagiye umusubizo, babeshya na none udufaranga, rimwe na rimwe ababyeyi babo (cyane cyane abafana ba FPR n'ingoma) babizi, ubundi rero ababyeyi bagaheruka baha umwana amafaranga y'ishuri, igihembwe cyarangira, bagategereza ko aza mu biruhuko bagaheba! Abo bana rero baragiye, boherejwe n'abantu bazwi (tuzandika ubutaha) kandi umuhuza bikorwa yari Capitaine Salto w'inkotanyi ariko ukorera muri GOMN.

Inzira bakunze kunyura zari iy'iburasirazuba n'iyo mu majyepfo y'u Rwanda. Twamenye ko bageraga iyo bagiye (Uganda), maze bagahura n'itabu ryo kwinjizwa mu ngabo ku ngufu, ndetse batanabyiteguye bihagije. Ni gutyo benshi batikiriye mu mashyamba, abacitse ku icumu baracika akaba ari nabo batangiye kugaruka urusorongo.

Bamwe bakeka ko abo bagaruka ari ababonye imyitozo ya gisirikari ihagije, none bakaba baraje gushinga ibirindiro i Kigali n'ahandi cyane cyane mu mijyi, biteguye ko rwambikana. Ibi nabyo birashoboka! Ariko na none usanga benshi mu bagarutse bafite agakubite k'ububabare no kwicuza igihe cyabarengeyeho. Ibyo aribyo byose, kuba baribeshye, cyangwa se barabeshywe, iryo s'ishyano, ishyano nuko bakwemera kwongera kubeshywa n'abikurikiraniye inyungu zabo. Niba baragarutse rero, tukabakira, emwe tukumva ko banabeshywe, nabo nibatubanire mu mahoro, boye kumva ko kubihorera ari ubugwari twagize.

*P. MUSEMINALI*
*PVK-NYARUGENGE*



Scanned by CamScanner